

Ihame ry'icungamutungo mu Gufatanya/kwishingira



“Umuntu udafite ubwenge arahirira ubwishingire, akishingira undi imbere y’umuturanyi we.” Imigani 17:18

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Nk’ umukirisitu iri hame ryumvikana nkaho rikomeye kumva, kuko twese twatojwe gufasha ababikeneye. Maze bigakomera cyane iyo bigeze mu bizera bagenzi bacu basabye kubagoboka, dore ko abakirisitu twese dufite umutima wo kugoboka bagenzi bacu dusangiye kwizera. Nyamara, hari ibintu dukwiye kwibandaho mbere yuko wishingira/wifatanya n’umuntu ideni:

1. Ese uwo muntu azwi nk’inyangamugayo ?
2. Ese ibyo uyu muntu akeneye ni by’ingenzi cyangwa nibyo yifuza gusa?
3. Ese uyu muntu yaba yifata biyanye n’ubushobozi bwe?
4. Ese byaba ari ku yihe mpamvu umuryango we utamufasha ?

Mu gihe banki yanze gutanga inguzanyo cyangwa umuryango we wanze kumufasha, aho rero biba bireba bene byo, aha biba byiza iyo natwe tutabyivanzemo. Iyo uwo muntu wakoresheje nabi umutungo we, ese ni impamvu ki twamufasha maze tukazitirwa mu kibazo cye? Guhakana rero bitera wa muntu guhangana ni bibazo bye ni uko agashaka ubufasha akeneye koko. Niba umuntu adafite ubudakemwa bwo guhabwa inguzanyo. Bityo rero byaba byiza tudafatanyije nawe mu gatabo ka banki.

Umugambi w’Imana rero ni ukugira ngo umuryango ugire uruhare rwo kureberera abawo mbere na mbere.

Bagomba kubayobora no kubahana kugira ngo ibyo bakeneye babibone—ntabwo ari ibyo bashaka cg bakeneye. Ibishakwa n’ibikenerwa ntabwo bigomba gukemurwa n’inguzanyo za banki ahubwo bigomba kuboneka mu mbaraga z’akazi. Niba twifuza ko inshuti zacu tuzigumana, ntuzigere uzifatanya nayo ku ideni. Hashobora kuba ibice bimwe bibivuga ku mabwiriza, ariko inkeke z’igihombo zo ntizabura.

Kutifatanya ntabwo ari ihame rikora ku bwami bw’ijuru gusa, ahubwo ryamaze kwigaragaza kenshi ko naryo ari uburyo bwiza bufatika mu gufatira ubushuti. Akenshi bikunze kurangira umwe mu bafatanyije yishyuye ideni rya mugenzi we ni uko umwe agakorwa n’isoni agacika. Kwifanya/ kwishingana n’undi muntu bihabanya n’amahame menshi y’ibiyumviro. icya mbere, tugomba kwirengera ideni ryacu. Akenshi, umuntu usaba kwifatanya usanga asanzwe atari umwizerwa cyangwa atarumviye banki, umuryango cg inama iva ku bandi; naho ubundi, uyu muntu ashobora kuba atari muri ibi bihe. Mu gihe tudakoze

ibyacu neza, “kuko ufite wese azahabwa akarushirizwaho, ariko udafite azakwa n’icyo yari afite.” (Matayo 25:29). Aya yari amagambo yavuzwe na yesu, kuko yari azi uko amategako y’ubukungu ateye.

Turamutse tumenye ko mwene data yahuye ni kibazo, dushobora kugwa neza maze tukamutera inkunga y’amafaranga nk’impano, nta nyishyu usabye. Mu gihe ubikoze, uje wongeraho ijambo ry’ubwenge kugira ngo umufashe kuva mu kibazo, naho ubundi byaba ari impfabusa. Ibi bishobora kubaka umubano urambye aho kuba wishyuye ideni maze ukabura na ya nshuti yawe.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Gufatanya/kwishingira bimeze nko guhemba umuntu utamuhaye akazi. Bikunze kudutenguha.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed